

**ITEGEKO N° 69/2018 RYO KU WA 31/08/2018
RIKUMIRA KANDI RIHANA
IYEZANDONKE NO GUTERA INKUNGA
ITERABWOBA**

**LAW N°69/2018 OF 31/08/2018 ON
PREVENTION AND PUNISHMENT OF
MONEY LAUNDERING AND TERRORISM
FINANCING**

**LOI N° 69/2018 DU 31/08/2018 RELATIVE A
LA PRÉVENTION ET A LA RÉPRESSION
DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX ET DU
FINANCEMENT DU TERRORISME**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri tegeko

Article 2: Scope of this Law

Article 2: Champ d'application de la présente loi

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions

Article 3: Définitions

**UMUTWE WA II: GUKUMIRA, GUTAHURA
IYEZANDONKE NO GUTERA INKUNGA
ITERABWOBA**

**CHAPTER II: PREVENTION, DETECTION
OF MONEY LAUNDERING AND
TERRORISM FINANCING**

**CHAPITRE II: PRÉVENTION, DÉTECTION
DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX ET DU
FINANCEMENT DU TERRORISME**

**Icyiciro cya mbere: Ubutasi no gutanga
amakuru**

Section One: Intelligence and reporting

**Section première: Renseignements et
déclaration**

Akiciro ka mbere: Ubutasi

Subsection One: Intelligence

Sous-section première: Renseignements

Ingingo ya 4: Ubutasi ku mari

Article 4: Financial intelligence

Article 4: Renseignements financiers

**Ingingo ya 5: Guhagarika by'agateganyo
imitungo cyangwa ibikorwa**

**Article 5: Temporary freezing of assets or
transactions**

**Article 5: Gel temporaire des biens ou des
opérations**

Akiciro ka 2: Gutanga amakuru

Subsection 2: Reporting

Sous-section 2: Déclaration

<u>Ingingo ya 6:</u> Abashinzwe gutanga amakuru	<u>Article 6:</u> Reporting persons	<u>Article 6:</u> Personnes déclarantes
<u>Ingingo ya 7:</u> Ibisabwa abashinzwe gutanga amakuru	<u>Article 7:</u> Obligations of reporting persons	<u>Article 7:</u> Exigences aux personnes déclarantes
<u>Ingingo ya 8:</u> Kugenzura umwirondoro w'umukiriya	<u>Article 8:</u> Checking customer's identification	<u>Article 8:</u> Vérification de l'identification du client
<u>Ingingo ya 9:</u> Kugenzura umwirondoro w'umukiriya udahoraho	<u>Article 9:</u> Checking of occasional customer's identification	<u>Article 9:</u> Vérification d'identification d'un client occasionnel
<u>Ingingo ya 10:</u> Kugenzura umwirondoro w'umukiriya ushidikanywaho	<u>Article 10:</u> Checking of identification of a suspected customer	<u>Article 10:</u> Vérification d'identification d'un client suspect
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibigomba kubahirizwa na kazino n'inzu z'imikino y'amahirwe	<u>Article 11:</u> Obligations of casinos and gaming halls	<u>Article 11:</u> Exigences aux casinos et aux établissements de jeux de hasard
<u>Ingingo ya 12:</u> Gukurikirana ibikorwa bimwe na bimwe ku buryo bwihariye	<u>Article 12:</u> Special monitoring of certain transactions	<u>Article 12:</u> Suivi spécial de certaines opérations
<u>Ingingo ya 13:</u> Gushishoza mu mikoranire y'ubucuruzi n'umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki	<u>Article 13:</u> Due diligence in business relationships with a politically exposed person	<u>Article 13:</u> Vigilance dans les relations d'affaires avec une personne politiquement exposée
<u>Ingingo ya 14:</u> Kumenyekanisha ibikorwa bijyanye n'amafaranga yishyuwe kashi	<u>Article 14:</u> Declaration of cash transactions	<u>Article 14:</u> Déclaration des opérations réglées au comptant
<u>Ingingo ya 15:</u> Kumenyekanisha ibikorwa bijyanye n'amafaranga bikemangwa	<u>Article 15:</u> Declaration of suspicious transactions of funds	<u>Article 15:</u> Déclaration des transactions de fonds soupçonneux
<u>Ingingo ya 16:</u> Kumenyekanisha amafaranga ku mupaka	<u>Article 16:</u> Cash declaration at the border	<u>Article 16:</u> Déclaration d'espèces à la frontière
<u>Ingingo ya 17:</u> Kugira ibanga	<u>Article 17:</u> Confidentiality	<u>Article 17:</u> Confidentialité

<u>Ingingo ya 18:</u> Kubika inyandiko	<u>Article 18:</u> Record-keeping	<u>Article 18:</u> Conservation des documents
<u>Ingingo ya 19:</u> Uruhare rw’urwego rugenzura imikorere y’ushinzwe gutanga amakuru	<u>Article 19:</u> Role of the supervisory authority of reporting person	<u>Article 19:</u> Rôle de l’autorité de supervision de la personne déclarante
<u>Ingingo ya 20:</u> Gusonerwa uburyozwe	<u>Article 20:</u> Exemption of liability	<u>Article 20:</u> Exonération de la responsabilité
<u>Icyiciro cya 2:</u> Gukorera mu mucyo imirimo ijyanye n’imari	<u>Section 3:</u> Transparency in financial transactions	<u>Section 3:</u> Transparence dans les opérations financières
<u>Ingingo ya 21:</u> Guhererekanya amafaranga	<u>Article 21:</u> Money transfer	<u>Article 21:</u> Transfert de fonds
<u>Ingingo ya 22:</u> Guca banki za baringa na konti zitagira amazina n’izindi ngamba zikumira	<u>Article 22:</u> Prohibition of shell banks and anonymous accounts and other preventive measures	<u>Article 22:</u> Interdiction des banques fictives et des comptes anonymes et autres mesures de prévention
<u>UMUTWE WA III: IBYAHA N’IBIHANO</u>	<u>CHAPTER III: OFFENCES AND PENALTIES</u>	<u>CHAPITRE III: INFRACTIONS ET PEINES</u>
<u>Ingingo ya 23:</u> Icyaha cy’iyezandonke	<u>Article 23:</u> Money laundering crime	<u>Article 23:</u> Crime de blanchiment de capitaux
<u>Ingingo ya 24:</u> Gutera inkunga iterabwoba	<u>Article 24:</u> Terrorism financing	<u>Article 24:</u> Financement du terrorisme
<u>Ingingo ya 25:</u> Kugira uruhare mu ishyirahamwe rigamiye gukora ibikorwa by’iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba	<u>Article 25:</u> Participation in an association with intent to commit acts of money laundering or terrorism financing	<u>Article 25:</u> Participation dans une association visant à commettre les actes de blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme
<u>Ingingo ya 26:</u> Ibihano biteganyirijwe umuryango ufite ubuzimagatozi	<u>Article 26:</u> Penalties for a legal person	<u>Article 26:</u> Peines applicables à la personne morale
<u>Ingingo ya 27:</u> Impamvu nkomezacyaha	<u>Article 27:</u> Aggravating circumstances	<u>Article 27:</u> Circonstances aggravantes
<u>Ingingo ya 28:</u> Impamvu nyoroshyacyaha	<u>Article 28:</u> Mitigating circumstances	<u>Article 28:</u> Circonstances atténuantes

Ingingo ya 29: Ibihano ku bindi byaha bifitanye isano n'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba

Ingingo ya 30: Ubunyagwe

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 31: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Ingingo ya 32: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 33: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 29: Penalties for other offences related to money laundering or terrorism financing

Article 30: Confiscation

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

Article 31: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 32: Repealing provision

Article 33: Commencement

Article 29: Peines pour d'autres infractions relatives au blanchiment de capitaux ou financement du terrorisme

Article 30: Confiscation

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Article 31: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Article 32: Disposition abrogatoire

Article 33: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N° 69/2018 RYO KU WA 31/08/2018
RIKUMIRA KANDI RIHANA
IYEZANDONKE NO GUTERA INKUNGA
ITERABWOBA**

**LAW N° 69/2018 OF 31/08/2018 ON
PREVENTION AND PUNISHMENT OF
MONEY LAUNDERING AND TERRORISM
FINANCING**

**LOI N° 69/2018 DU 31/08/2018 RELATIVE À
LA PRÉVENTION ET À LA RÉPRESSION
DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX ET DU
FINANCEMENT DU TERRORISME**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBLIKA Y’U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 19
Nyakanga 2018;

The Chamber of Deputies, in its session of 19 July
2018;

La Chambre des Députés, en sa séance du 19
juillet 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u
Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane
cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya
88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 120, iya 167,
iya 168 n’iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 120, 167,
168 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses
articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 120, 167,
168 et 176;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga
yerekeranye no guhana abatera inkunga iterabwoba,
yemejwe n’Inteko Rusange y’Umuryango
w’Abibumbye ku wa 09 Ukuboza 1999, nk’uko

Pursuant to the International Convention for the
Suppression of the Financing of Terrorism adopted
by the United Nations General Assembly on 9
December 1999 as ratified by Presidential Order n°
43/01 of 14/04/2002;

Vu la Convention Internationale pour la
répression du financement du terrorisme, adoptée
par l’Assemblée Générale des Nations Unies le 09
décembre 1999, telle que ratifiée par l’Arrêté
Présidentiel n° 43/01 du 14/04/2002;

yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 43/01 ryo ku wa 14/04/2002;

Ishingiye ku masezerano yerekeye iyinjizwa ry'u Rwanda mu Muryango ugamije Kurwanya Iyezandonke muri Afurika y'Iburasirazuba n'iy'Amajyepfo (ESAAMLG), nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 33/01 ryo ku wa 24/01/2018;

Isubiye ku Itegeko n°47/2008 ryo ku wa 09/09/2008 rikumira kandi rihana icyaha cy'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;

Pursuant to the Agreement of accession of Rwanda to the Eastern and Southern Africa Anti-Money Laundering Group (ESAAMLG) as ratified by Presidential Order n° 33/01 of 24/01/2018;

Having reviewed Law n° 47/2008 of 09/09/2008 on prevention and punishment of the crime of money laundering and financing terrorism;

Vu l'Accord d'adhésion du Rwanda au Groupe Anti-Blanchiment d'Argent de l'Afrique Orientale et Australe (ESAAMLG) tel que ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 33/01 du 24/01/2018;

Revu la Loi n° 47/2008 du 09/09/2008 relative à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOpte:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigamije gukumira no guhana:

This Law aims at preventing and punishing:

La présente loi a pour objet de prévenir et réprimer:

1° iyezandonke;

1° money laundering;

1° le blanchiment de capitaux;

2° gutera inkunga iterabwoba.

2° financing terrorism.

2° le financement du terrorisme.

Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri tegeko

Article 2: Scope of this Law

Article 2: Champ d'application de la présente loi

Iri tegeko rireba umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi, mu rwego rw'imirimo bakora, bayobora, bagenzura, cyangwa batanga inama ku byerekeranye no kubitsa,

This Law applies to any individual or legal person that, in the framework of his/her or its profession, conducts, controls or advises on transactions involving deposits, exchanges, investments,

La présente loi est applicable à toute personne physique ou morale qui, dans l'exercice de sa profession, exerce, dirige, contrôle ou donne des conseils sur des opérations de dépôt, de change, d'

kuvunjisha, gushora imari, guhindura cyangwa ubundi buryo bwose bwo kwimura amafaranga cyangwa undi mutungo.

conversions or any other movement of capital or any other property.

investissement, de conversion ou tout autre mouvement de capitaux ou de tout autre bien.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions

Article 3: Définitions

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

In this Law, the terms below have the following meanings:

Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° gutera inkunga iterabwoba:

1° terrorism financing:

1° financement du terrorisme:

- a. igikorwa gikozwe n'umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi, bakagikorera mu buryo buziguye cyangwa butaziguye ukora iterabwoba cyangwa umutwe w'iterabwoba, mu gutanga, mu gukusanya, mu gucunga amafaranga cyangwa umutungo uwo ari wo wose, mu gutanga inama bagamije kubona ayo mafaranga, uwo mutungo cyangwa ibikoresho byakoreshwa bazi ko byose cyangwa igice cyabyo bigamije gukoreshwa mu bikorwa by'iterabwoba;

- a. an act committed directly or indirectly by a natural or legal person, on behalf of a terrorist or terrorist organisation in giving, collecting or managing money or any property or offering advices in order to acquire that money, property or materials that may be used or knowing that they are intended to be used, in whole or in terrorism activities;

- a. un acte commis directement ou indirectement par une personne physique ou morale dotée d'une personnalité juridique au nom d'un terroriste ou d'une organisation terroriste, en donnant, en collectant ou en gérant son argent ou des biens ou en donnant des conseils afin d'acquérir cet argent, les biens ou les matériaux qui peuvent être utilisés, ou sachant qu'ils sont destinés en tout ou en partie, à être utilisés dans des activités de terrorisme;

- b. gutanga amafaranga yo gukora, kugura, gutunga, gutunganya, kohereza, gupakurura no gupakira, kugurira undi, gutunda, kwikorera, kubika intwara za kimbuzi, izihumanya, iz'uburozi cyangwa izica ibinyabuzima, cyangwa ibyifashishwa mu ikoreshwa ryazo n'ibikoresho bifatanywe isano na zo;

- b. providing funds for the manufacture, acquisition, possession, development, export, trans-shipment, brokering, transport, transfer, stockpiling of nuclear, chemical or biological weapons or their means of delivery and related materials;

- b. fourniture de fonds pour la production, l'achat, la possession, l'amélioration, l'exportation, le transbordement, le courtage, le transport, le transfert et le stockage des armes nucléaires, chimiques ou biologiques, ou de leurs vecteurs et matériels connexes ;

2° guhagarika by'agateganyo: icyemezo kigamije guhagarika by'agateganyo ishyirwa

2° temporary freezing: measure which consists of the temporary suspension of the

2° gel temporaire: mesure qui consiste à suspendre provisoirement l'exécution

mu bikorwa ry'igikorwa, kubuza kohereza, guhindura no kwimura umutungo bishingiye ku cyemezo cyafashwe cyangwa amabwiriza yatanze n'ubuyobozi bubifitiye ububasha;

execution of a transaction, the restriction of the transfer, the conversion, the transformation and the movement of property on the basis of a decision made or a directive issued by a competent authority;

d'une opération, à interdire le transfert, la modification, la transformation et le déplacement de biens par suite d'une décision prise ou d'une directive donnée par une autorité compétente;

3° **nyir'umutungo:** umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi utunze ku buryo nyakuri cyangwa se ugenzura umukiriya cyangwa undi muntu wese igikorwa cyakorewe;

3° **beneficial owner:** a natural or legal person who ultimately owns or controls a customer or another person on whose behalf a transaction is being conducted;

3° **bénéficiaire effectif:** personne physique ou morale dotée de la personnalité juridique qui possède effectivement ou contrôle un client ou autre personne pour le compte de laquelle une opération est effectuée;

4° **ikigo cy'imari:** ikigo gifite ubuzimagatozi gikorera umukiriya, mu izina rye no mu nyungu ze, umurimo umwe cyangwa myinshi muri iyi ikurikira:

4° **financial institution:** a legal person who conducts as a business for and on behalf of a customer one or more of the following activities or operations:

4° **institution financière:** une personne morale qui exerce à titre commercial au nom d'un client ou pour son compte une ou plusieurs des activités ou opérations suivantes :

- a. kwakira amafaranga n'indi mitungo isubizwa biturutse mu bantu;
- b. kuguriza;
- c. ikodeshagurisha;
- d. serivisi zijyanye no kohereza amafaranga cyangwa ibicuruzwa;
- e. gutanga no gucunga uburyo bukoreshwa mu kwishyura;
- f. gutanga ingwate n'imyenda;

- a. acceptance of deposits and other repayable funds from the public;
- b. lending;
- c. financial leasing;
- d. money or value transfer services;
- e. issuing and managing means of payment;
- f. financial guarantees and commitments;

- a. acceptation de dépôts et d'autres fonds remboursables du public;
- b. prêts;
- c. crédit-bail;
- d. services de transfert de fonds ou de valeurs;
- e. émission et gestion de moyens de paiement;
- f. octroi de garanties et souscriptions d'engagements;

g. kugurisha ibicuruzwa ku isoko ry'amafaranga n'iry'ivunjisha;	g. trading in money market instruments and foreign exchange;	g. négociation d'instruments du marché monétaire et sur le marché des changes;
h. gukora ibijyanye n'impapuro z'agaciro no gutanga serivisi z'imari zijyanye n'ubwo bucuruzi;	h. participation in securities issues and the provision of financial services related to such issues;	h. participation à des émissions de valeurs mobilières et prestation de services financiers connexes;
i. gucunga umutungo w'umuntu ku giti cye cyangwa w'ishyirahamwe;	i. individual and collective portfolio management;	i. gestion individuelle et collective de patrimoine;
j. kubika neza no gucunga amafaranga cyangwa impapuro z'agaciro mu izina ry'abandi bantu;	j. safekeeping and administration of cash or liquid securities on behalf of other persons;	j. conservation et administration de valeurs mobilières, en espèces ou liquide, pour le compte d'autrui;
k. ibindi bikorwa by'ishoramari, byo gukoresha no gucunga indi mitungo cyangwa amafaranga mu izina ry'undi muntu;	k. otherwise investing, administering or managing funds or money on behalf of other persons;	k. autres opérations d'investissement, d'administration ou de gestion de fonds ou d'argent pour le compte d'autrui;
l. kwishingira no gushyira amafaranga mu bigega by'ubwiteganyirize ku buzima no gukora ibindi bikorwa bijyanye no kwiteganyiriza;	l. underwriting and placement of life insurance and other investment related insurance;	l. souscription et placement d'assurances vie et d'autres produits d'investissement relatif aux assurances;
m. ubuhuza mu bwishingizi;	m. insurance intermediary;	m. intermédiaire d'assurance;
n. ivunjisha ry'amafaranga;	n. money and currency changing;	n. change monétaire;
o. ibikorwa ku isoko ry'imari n'imigabane;	o. capital market operations;	o. les opérations du marché des capitaux;
p. n'ibindi bikorwa byagenwa n'urwego rubifitiye ububasha.	p. and other activities which may be determined by the competent organ.	p. et d'autres activités pouvant être déterminées par l'organe compétent.

5° **indonke:** umutungo uwo ari wo wose ukomoka, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, ku ikorwa ry'icyaha;

6° **inyandiko mvunjwafaranga:** urupapuro rushobora guhererekanywa ruriho umukono w'urutanze rwemeza ko urufite azishyurwa amafaranga mu gihe kizaza cyangwa abisabye;

7° **iterabwoba:**

a. gukora cyangwa gukangisha gukora ibikorwa bigamije gutuma inzego z'ubutegetsi za Leta zihindura imikorere yazo hakoreshejwe gufata bugwate umuntu umwe cyangwa benshi, kwica, gukomeretsa cyangwa gutera ubwoba abaturage hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose bushobora kwica umuntu cyangwa kumukomeretsa;

b. gukora cyangwa gukangisha gukora igikorwa giteganyijwe mu gace ka a) k'iki gika kubera impamvu za politiki, iz'idini cyangwa z'ingengabitekerezo iyo ari yo yose;

c. gukora cyangwa gukangisha gukora ibikorwa bigamije gutuma inzego z'ubutegetsi za Leta cyangwa umuryango utari uwa Leta ufite ubuzimagatozi bihindura imikorere yabyo cyangwa bibuzwa kugira icyo bikora hakoreshejwe gufata bugwate

5° **proceed:** property which, directly or indirectly, is derived from the commission of an offence;

6° **negotiable instrument:** a transferable, signed document that promises to pay the bearer a sum of money at a future date or on demand;

7° **terrorism:**

a. to commit or threaten to commit acts aimed at leading State organs to change their functioning by taking hostages of one or more persons, killing, injuring or terrorizing the population by use of any means that may kill or injure a person;

b. to commit or threaten to commit an act provided for by point a) of this Sub-paragraph on political, religious or any ideological grounds;

c. to do or to threaten to do acts that aim at changing the functioning system of State organs or of a non-governmental organization or which prevent them operating by means of taking hostage one or more persons, killing or

5° **produit:** bien qui, directement ou indirectement, provient de la commission d'une infraction;

6° **titre:** document transférable signé qui promet de payer au porteur une somme d'argent à une date ultérieure ou sur demande;

7° **terrorisme:**

a. commettre ou menacer de commettre des actes dans l'objectif de pousser les organes de l'État à changer leur fonctionnement au moyen de prendre en otage une ou plusieurs personnes, tuer, blesser ou terroriser la population employant tout moyen qui peut tuer ou blesser une personne;

b. commettre ou menacer de commettre un acte prévu au point a) du présent sous-alinéa à des fins politiques, religieuses ou pour toute cause idéologique ;

c. faire ou menacer de faire des actes visant à faire changer le système de fonctionnement des organes de l'État ou une organisation non gouvernementale dotée de la personnalité juridique ou leur interdire de fonctionner au moyen de

umuntu umwe cyangwa benshi, kwica, gukomeretsa cyangwa gutera ubwoba abaturatione hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose.

injuring or threatening the population by use of any means;

prendre en otage une ou plusieurs personnes, tuer ou blesser ou porter des menaces à la population par usage de tout moyen;

8° iyezandonke:

- a. guhindura, kohereza cyangwa gufata umutungo, nyiri ukubikora azi cyangwa ashobora kumenya ko uturuka ku cyaha gikomeye cyangwa cy'ubugome cyangwa uturuka ku kugira uruhare muri icyo cyaha, hagamijwe guhisha, kutagaragaza inkomoko itemewe n'amategeko y'uwo mutungo cyangwa gufasha umuntu wese wagize uruhare mu ikorwa ry'icyo cyaha guhunga ubutabera;
- b. guhisha, kutagaragaza imiterere nyayo, inkomoko, ahabarizwa umutungo, iyimurwa ryawo, ukwikuraho umutungo, itangwa ryawo, guhisha nyir'umutungo nyawe cyangwa uwufiteho uburenganzira, uzi neza ko uwo mutungo ari indonke ituruka ku cyaha gikomeye cyangwa cy'ubugome cyangwa uturuka ku kugira uruhare kuri ibyo byaha;
- c. kugura, gutunga cyangwa gukoresha umutungo uzi cyangwa ushobora kumenya, mu gihe cyo kuwakira, ko uwo mutungo ukomoka ku cyaha gikomeye cyangwa cy'ubugome

8° money laundering:

- a. the conversion, transfer or handling of property whose perpetrator knows or is likely to know that it derives from a misdemeanour or a felony, or from an act of participation in such offence, for the purpose of concealing or disguising the illegal origin of the property or of assisting any person involved in the commission of such an offence to escape justice;
- b. the concealment, disguise of the true nature, origin, location, movement, disposition, donation, disguise of the beneficial owner of the property or the person having rights on it, knowing that such a property is a proceed of a misdemeanour or a felony or from an act of participation in such offences;
- c. acquisition, possession or use of property the author knows or is likely to know, at the time of reception, that such a property is derived from a

8° blanchiment de capitaux:

- a. la conversion, le transfert ou la détention de biens dont l'auteur sait ou est susceptible de savoir qu'ils proviennent d'un délit ou d'un crime ou de participation à de tels actes criminels, dans le but de dissimuler ou de déguiser l'origine illégale desdits biens ou d'aider toute personne impliquée dans la commission de cette infraction à échapper à la justice;
- b. la dissimulation, le déguisement de la nature, de l'origine, du lieu, du mouvement, de la disposition, de la donation ou de la dissimulation du bénéficiaire effectif de biens ou de l'ayant-droit, sachant que ce bien est un produit d'un délit ou d'un crime ou de la participation à de tels actes criminels;
- c. acquisition, possession ou utilisation de biens dont l'auteur sait ou il est susceptible de savoir, au moment de la réception, qu'ils proviennent d'un

cyangwa uturuka ku kugira uruhare muri ibyo byaha;	misdemeanour or a felony or from an act of participation in such offences;	délit ou d'un crime ou de la participation à de tels actes criminels;
d. kugira uruhare, kwishyira hamwe, gucura umugambi, ubwinjiracyaha, gufasha, gushuka, gutegeza, korohereza cyangwa gutanga inama mu gukora igikorwa icyo ari cyo cyose mu bivugwa mu gace ka a), aka b) n'aka c).	d. participation in, association to commit, attempt to commit, aiding, inciting, abetting, facilitating or counselling the commission of any of the acts mentioned in point a), b) and c).	d. la participation à l'un des actes visés aux sous-point a), b) et c), l'association pour commettre ledit acte, la tentative de le perpétrer, le fait d'aider, d'inciter ou de conseiller quelqu'un à le faire ou le fait d'en faciliter l'exécution.
Haba habaye iyezandonke nubwo ibikorwa by'ibanze biganisha ku kugura, kwikuraho cyangwa kohereza umutungo ugamije kwezwa cyangwa gukingira ikibaba uwakoze icyo cyaha, byaba byakorewe ku butaka bw'ikindi gihugu;	Money laundering is committed even if the original acts leading to the acquisition, disposition or transfer of the property to be laundered or the protection of the offender, are carried out on the territory of a third State;	Il y a blanchiment de capitaux même si les faits qui sont à l'origine de l'acquisition, de la disposition ou du transfert des biens à blanchir ou de la protection de l'auteur, sont commis sur le territoire d'un État tiers ;
9° umukiriya: umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi:	9° customer: an individual or legal person who:	9° client: une personne physique ou morale qui:
a. ufungura cyangwa ufungurirwa konti;	a. opens an account or in the name of whom an account is opened;	a. ouvre un compte ou au nom de laquelle un compte est ouvert;
b. ufite ububasha bwo gushyira umukono kuri iyo konti;	b. has the power to sign on that account;	b. a le pouvoir de signer sur ce compte;
c. ushyira, wohereza cyangwa wohererezwa amafaranga binyujijwe kuri iyo konti;	c. deposits, transfers or receives money on that account;	c. dépose, transfère ou reçoit l'argent sur ce compte;
d. wemerewe kugira icyo akora kuri iyo konti;	d. is authorised to conduct the transaction on that account;	d. est autorisée à mener des opérations sur le compte;

e. ufite ibikorwa by'ubucuruzi n'ushinzwe gutanga amakuru.

e. has business relations with the reporting person.

e. a des relations d'affaires avec la personne déclarante.

10° **umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki:** umuntu wese ushinze cyangwa wigeze gushingwa imirimo ikomeye ya Leta mu Rwanda cyangwa mu bindi bihugu, abagize umuryango we, abandi bantu basangiye inyungu cyangwa se bafite ibyo bahuriyeho mu by'ubucuruzi cyangwa mu by'imari;

10° **politically exposed person:** any person who is or has been entrusted with prominent public functions in Rwanda or in other countries, including his/her family members or other persons who are his/her close associates or have business or financial relationships with him or her;

10° **une personne politiquement exposée:** toute personne qui exerce ou a exercé au Rwanda ou dans d'autres pays d'importantes fonctions publiques, y compris les membres de sa famille ou les personnes qui lui sont étroitement associées ou qui ont des relations commerciales ou financières avec lui;

11° **umutungo:** icyo umuntu atunze icyo ari cyo cyose, cyaba kiboneka cyangwa kitaboneka, cyimukanwa cyangwa kitimukanwa, gifatika cyangwa kidafatika hamwe n'inyandiko cyangwa ibimenyetso bigaragaza uburenganzira cyangwa inyungu kuri uwo mutungo;

11° **property:** an asset of every kind, whether corporeal or incorporeal, movable or immovable, tangible or intangible, as well as legal documents or instruments evidencing the existence of a right to, or interest in the asset;

11° **bien:** tout avoir de quelque nature que ce soit, corporel ou incorporel, mobilier ou immobilier, tangible ou intangible, ainsi que les documents ou instruments légaux attestant l'existence d'un droit ou d'un intérêt sur cet avoir;

12° **umutwe w'iterabwoba:** itsinda ry'abantu bagamije gukora icyaha cy'ubugome, kugira ngo babone, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, inyungu y'ibintu, iy'amafaranga cyangwa se inyungu mu bya politiki hagamijwe iterabwoba;

12° **terrorist organisation:** group of person acting with the aim of committing an offence of felony, in order to obtain, directly or indirectly, a material, financial or political benefit for terrorist purpose;

12° **organisation terroriste:** groupe de personnes opérant en vue de commettre une infraction de crime pour en tirer, directement ou indirectement, un avantage matériel, financier ou politique à des fins terroristes;

13° **urwego rugenzura:** urwego rwemewe n'amategeko rushinzwe kugenzura imikorere y'abashinzwe gutanga amakuru;

13° **supervisory authority:** competent authority in charge of supervising the functioning of reporting persons;

13° **autorité de supervision:** l'autorité compétente chargée de superviser le fonctionnement des personnes déclarantes;

14° **umuryango ufite ubuzimagatozi:** isosiyete, koperative, ikigo, umuryango wa Leta cyangwa utari uwa Leta bifite ubuzimagatozi;

14° **legal entity:** society, cooperative, institution, governmental or non-

14° **personne morale:** société, coopérative, établissement, organisation gouvernementale ou non

	governmental organisation with legal personality;	gouvernementale dotée de la personnalité juridique;
15° kazino: ahantu hakinirwa imikino y'amahirwe inyuranye harimo iyo ku meza, iy'imashini y'ibiceri n'ibindi bikoresho bishobora kongerwamo ndetse n'isaba ubumenyi bwihariye mu irushanwa;	15° casino: a place where various gambling games are played including table games, slot machines and other devices which may be added and others which require special knowledge in competition;	15° casino: un lieu où se jouent différents jeux de hasard y compris les jeux de tables, les machines à sous ou d'autres dispositifs qui peuvent être ajoutés et d'autres qui nécessitent des connaissances spéciales en matière de compétition;
16° Minisitiri: Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;	16° Minister: Minister in charge of finance;	16° Ministre: Ministre ayant les finances dans ses attributions;
17° Ishami: ishami rishinzwe ubutasi ku mari.	17° Centre: centre in charge of financial intelligence.	17° Centre: centre ayant les renseignements financiers dans ses attributions.
UMUTWE WA II: GUKUMIRA, GUTAHURA IYEZANDONKE NO GUTERA INKUNGA ITERABWOBA	CHAPTER II: PREVENTION, DETECTION OF MONEY LAUNDERING AND TERRORISM FINANCING	CHAPITRE II: PRÉVENTION, DÉTECTION DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX ET DU FINANCEMENT DU TERRORISME
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ubutasi no gutanga amakuru	<u>Section One:</u> Intelligence and reporting	<u>Section première:</u> Renseignements et déclaration
<u>Akiciro ka mbere:</u> Ubutasi	<u>Subsection One:</u> Intelligence	<u>Sous-section première:</u> Renseignements
<u>Ingingo ya 4:</u> Ubutasi ku mari	<u>Article 4:</u> Financial intelligence	<u>Article 4:</u> Renseignements financiers
Ubutasi ku mari bukorwa n'ishami rishinzwe ubutasi ku mari hagamijwe gukumira, kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba.	Financial Intelligence is carried out by a Centre for the purpose of preventing and countering money laundering and terrorism financing.	Les renseignements financiers sont menés par un centre dans le but de prévenir et combattre le blanchiment de capitaux et le financement du terrorisme.
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'ishami rishinzwe	A Prime Minister's Order determines responsibilities, organisation and functioning of	Un arrêté du Premier Ministre détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement

ubutasi ku mari. Rigena kandi urwego iryo shami ribarizwamo.

Financial Intelligence Centre. It also determines the institution to which the Centre is attached.

du Centre de renseignement financier. Il détermine également l'institution à laquelle le Centre est rattaché.

Ingingo ya 5: Guhagarika by'agateganyo imitungo cyangwa ibikorwa

Article 5: Temporary freezing of assets or transactions

Article 5: Gel temporaire des biens ou des opérations

Ishami rishobora gufata icyemezo cyo guhagarika by'agateganyo imitungo cyangwa ibikorwa mu gihe kidashobora kurenga amasaha mirongo irindwi n'abiri (72) bitewe n'uburemere n'ubwihutirwe bwo kubikurikirana kandi rigahita rimenyeshya uwatanze amakuru icyemezo ryafashe.

The Centre may decide to temporarily freeze the assets or the transactions for a period of not more than seventy-two (72) hours depending on the gravity of a transaction and the urgency to verify it and immediately communicate to the reporting person the decision taken.

Le Centre peut prendre la décision de gel temporaire des biens ou des opérations pour une durée ne dépassant pas soixante-douze (72) heures en raison de la gravité d'une opération et de l'urgence de vérification et communiquer immédiatement à la personne déclarante la décision prise.

Muri icyo gihe, iyo impamvu zashingiweho kugira ngo bakeke ko habaye iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba zifite ishingiro, Ishami ryohereza dosiye ubugenzacyaha. Iyo bitagenze gutyo, icyemezo cyo guhagarika gikurwaho bikamenyeshwa uwatanze amakuru.

During this time, when the reasons on the basis of the presumption of money laundering or terrorism financing are founded, the Centre refers the case to the authority in charge of investigation. But, if it hasn't, the freezing order is lifted and the reporting person is informed of the decision.

Pendant ce délai, si les raisons à la base de la présomption de blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme sont fondées, le Centre saisit l'autorité ayant l'investigation dans ses attributions. Dans le cas contraire, la décision de gel est levée et la personne déclarante est informée de cette décision.

Akiciro ka 2: Gutanga amakuru

Subsection 2: Reporting

Sous-section 2: Déclaration

Ingingo ya 6: Abashinzwe gutanga amakuru

Article 6: Reporting persons

Article 6: Personnes déclarantes

Muri iri tegeko, abashinzwe gutanga amakuru ni aba bakurikira:

In this Law, the reporting persons are the following:

Dans la présente loi, les personnes déclarantes sont les suivantes:

1 ° Banki Nkuru y'u Rwanda;

1 ° the National Bank of Rwanda;

1 ° la Banque Nationale du Rwanda;

2 ° ibigo by'imari;

2 ° financial institutions;

2 ° les institutions financières ;

- | | | |
|--|---|--|
| 3 ° amasosiyete y'itumanaho atanga serivisi zo guhererekanya amafaranga; | 3 ° telecommunication companies that provide financial services; | 3 ° les sociétés de télécommunication qui offrent des services financiers; |
| 4 ° abakora imirimo yigenga mu by'amategeko, igihe bahagarariye cyangwa bafasha abakiriya babo hanze y'inkiko, by'umwihariko mu rwego rw'ibikorwa bikurikira: | 4 ° members of private legal practice, when they represent or assist their clients outside of a legal proceeding, in particular within the framework of the following activities: | 4 ° les membres des professions juridiques libérales, lorsqu'ils représentent ou assistent leurs clients en dehors de toute procédure judiciaire, notamment dans le cadre des activités suivantes: |
| a) kugura no kugurisha umutungo, amasosiyete y'ubucuruzi cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi; | a) to buy and sell properties, companies or businesses; | a) acheter et vendre des biens, des sociétés commerciales ou des fonds de commerce; |
| b) gucunga amafaranga, inyandiko mvunjwafaranga n'indi mitungo by'umukiriya; | b) to manage money, negotiable instruments and other assets belonging to the client; | b) gérer l'argent, les titres négociables ou d'autres actifs appartenant au client; |
| c) gufunguza no gucunga konti zo kubikurizaho, konti zo kuzigama cyangwa konti z'inyandiko z'agaciro; | c) to open and manage current, savings or securities accounts; | c) ouvrir ou gérer les comptes bancaires courants, comptes d'épargne ou les titres; |
| d) gushyiraho, gucunga cyangwa kuyobora amasosiyete y'ubucuruzi, ibigega by'ubwizerane cyangwa indi miryango iteye nka byo, cyangwa se gukora ibindi bijyanye n'imari; | d) creation, management or directing of companies, trusts or other similar ventures or the execution of any other financial transactions. | d) constitution, gestion ou direction de sociétés commerciales, de fiducies ou de structures similaires ou exécution d'autres opérations financières. |
| 5 ° abagenzuzi b'imari; | 5 ° auditors; | 5 ° les auditeurs; |
| 6 ° abahuza abaguzi n'abagurisha mu mirimo yerekeranye n'imitungo itimukanwa; | 6 ° real estate agents; | 6 ° les agents immobiliers; |
| 7 ° abacuruza b'ibicuruzwa by'igiciro kinini birimo ibikorwa by'ubuhanzi nk'ibishushanyo biteye amarangi, amashusho mpishasura, | 7 ° dealers in high value goods, including works of art such as paintings, masks, statues, as well as precious stones and metals; | 7 ° les négociants en biens de grande valeur, notamment les objets d'art tels que les tableaux peints, les masques, les statues, |

amashusho y'abantu, kimwe n'amabuye n'ibyuma by'agaciro;		ainsi que les pierres et les métaux précieux;
8 ° abantu ku giti cyabo, ibigo cyangwa amasosiyete y'ubucuruzi bikwirakwiza amafaranga;	8 ° natural persons, institutions or companies involved in the business of distributing money;	8 ° les personnes physiques, institutions ou sociétés commerciales engagées dans les affaires de distribution d'argent;
9 ° kazino, inzu zikinirwamo imikino y'amahirwe harimo n'ibigo bikoresha amatombora yo mu rwego rw'igihugu;	9 ° casinos, gaming halls including national lotteries;	9 ° les casinos, les établissements de jeux de hasard y compris des loteries nationales;
10 ° amasosiyete y'ubucuruzi ashinzwe gutwara abantu n'ibintu;	10 ° transport companies;	10 ° les sociétés commerciales de transport;
11 ° imiryango itari iya Leta;	11 ° non-governmental organisations;	11 ° les organisations non gouvernementales;
12 ° ibigega by'ubwizerane;	12 ° trusts;	12 ° les fiducies;
13 ° abandi bashinzwe gutanga amakuru bashobora kugenwa n'iteka rya Minisitiri.	13 ° other reporting entities that may be determined by an Order of the Minister.	13 ° les autres entités déclarantes pouvant être désignées par l'arrêté du Ministre.
Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko ku bijyanye no kugira ibanga ry'akazi, abashinzwe gutanga amakuru bagomba kubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko.	Subject to provisions of other laws relating to professional secrecy, reporting persons must comply with provisions of this Law.	Sous réserve des dispositions d'autres lois relatives au secret professionnel, les personnes déclarantes doivent se conformer aux dispositions de la présente loi.
<u>Ingingo ya 7: Ibisabwa abashinzwe gutanga amakuru</u>	<u>Article 7: Obligations of reporting persons</u>	<u>Article 7: Exigences aux personnes déclarantes</u>
Abashinzwe gutanga amakuru bagomba:	Reporting persons must:	Les personnes déclarantes doivent:
1° kugaragaza, gusuzuma no gufata ingamba zikwiye mu kugabanya ibyatuma habaho iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;	1° to identify, assess and take appropriate measures in mitigating money laundering and terrorism financing risks;	1° identifier, évaluer et prendre des mesures adéquates pour atténuer les risques de blanchiment de capitaux et de financement du terrorisme;

Official Gazette n° 37 of 10/09/2018

2° gushyiraho no gukomeza gahunda zo kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba. Muri izo gahunda harimo:

- a) gushyiraho cyangwa kunoza politiki, amabwiriza ngengamikorere, igenzura n'uburyo bw'imikorere harimo ingamba z'igenzuramikorere mu itangwa ry'akazi hagamijwe gusuzuma ko gatangwa hubahirijwe ibisabwa;
- b) gushyiraho ubugenzuzi ku rwego rw'ubuyobozi;
- c) guhugura abakozi mu buryo buhoraho;
- d) gushyiraho gahunda ihoraho y'igenzura kugira ngo ingamba zafashwe zikurikizwe kandi zigere ku ntego mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iri tegeko;
- e) gushyiraho indi politiki urwego rw'ubugenzuzi rwabona ko ari ngombwa.

2° to develop and maintain anti-money laundering and terrorism financing programmes. These programmes include among others:

- a) the setting up or improvement of policies, procedures, controls and systems, including recruitment supervision mechanisms to check whether recruitment requirements are satisfactorily complied with;
- b) setting up the compliance function at the management level;
- c) an ongoing employee training programme;
- d) the setting up of a permanent audit programme to ensure the conformity and the efficiency of the adopted measures in order to apply this Law;
- e) to put in place any other policy that the supervisory authority may consider necessary.

2° mettre au point et entretenir des programmes de lutte contre le blanchiment de capitaux et le financement du terrorisme. Ces programmes comprennent notamment:

- a) la mise en place ou l'amélioration des politiques, des procédures, des contrôles internes et des systèmes, y compris des mécanismes de supervision de recrutement pour s'assurer du respect des conditions de recrutement;
- b) mettre en place la fonction de conformité au niveau de la direction;
- c) un programme de formation continue des employés;
- d) la mise en place d'un dispositif de vérification permanent pour s'assurer de la conformité et de l'efficacité des mesures adoptées pour appliquer la présente loi ;
- e) la mise en place d'une autre politique que l'autorité de supervision peut juger nécessaire.

Ingingo ya 8: Kugenzura umwirondoro w'umukiriya

Abashinzwe gutanga amakuru bagomba kugenzura umwirondoro w'umukiriya na nyir'umutungo:

Article 8: Checking customer's identification

Reporting persons must check the identification of the customer and beneficial owner:

Article 8: Vérification de l'identification du client

Les personnes déclarantes doivent vérifier l'identification du client et le bénéficiaire effectif:

Official Gazette n° 37 of 10/09/2018

1 ° mbere y'uko bagirana imikoranire;	1 ° prior to establishing a business relationship;	1 ° avant d'établir des relations d'affaires;
2 ° iyo bagiranye ibikorwa bidahoraho by'amafaranga afite agaciro karenze ikigero cyashyizweho n'Ishami;	2 ° when they execute occasional transactions exceeding the threshold set by the Centre;	2 ° lorsqu'elles exécutent des opérations occasionnelles dépassant le seuil fixé par le Centre;
3 ° iyo bohererejwe amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga hatagaragajwe neza amakuru nyayo y'uwayohereje;	3 ° when they receive a wire transfer that does not contain full information about the originator;	3 ° lorsqu'elles reçoivent un transfert électronique qui ne contient pas de renseignements complets sur le donneur d'ordre;
4 ° iyo hari ugukeka ko habaye iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;	4 ° when there is suspicion of money laundering and terrorism financing;	4 ° lorsqu'il existe un soupçon de blanchiment de capitaux et financement du terrorisme;
5 ° iyo hashidikanywa ku kuri kw'amakuru baheruka kubona ku mwirondoro w'umukiriya;	5 ° when they have doubts about the veracity or accuracy of the customer's previously obtained identification data;	5 ° lorsqu'elles ont des doutes quant à la véracité ou la pertinence des informations précédemment obtenues sur l'identification du client;
6 ° iyo abacuruzi b'ibyuma by'agaciro n'amabuye y'agaciro bagiranye ibikorwa n'umukiriya byishyuwe ako kanya ku mafaranga angana cyangwa ari hejuru y'ikigero cyemejwe n'Ishami;	6 ° when dealers of precious metals and minerals enter into transactions with the client and immediately pay the amount equal or exceeding the threshold set by the Centre;	6 ° lorsque les commerçants des métaux précieux et des minerais concluent des transactions avec le client et payent immédiatement le montant égal ou supérieur au seuil fixé par le Centre;
7 ° iyo abakora umwuga wo guhuza abaguzi n'abagurisha imitungo itimukanwa bagiranye ibikorwa n'abakiriya babo bijyanye no kugura cyangwa kugurisha umutungo utimukanwa;	7 ° when real estate agents conclude transactions relating to the purchase or sale of immovable property with their clients;	7 ° lorsque les agents immobiliers concluent des transactions relatives à l'achat ou à la vente des biens immeubles avec leurs clients;
8 ° iyo ba Avoka, ba Noteri, abandi banyamategeko b'umwuga bigenga n'abacungamari bategurira cyangwa bakorera	8 ° when advocates, notaries, other private professional lawyers and accountants	8 ° lorsque les avocats, les notaires, les autres juristes professionnels privés et les comptables préparent ou exécutent pour

Official Gazette n° 37 of 10/09/2018

abakiriya babo imirimo ijyanye n'ibikorwa bikurikira:

- a) kugura no kugurisha imitungo itimukanwa;
- b) gucunga amafaranga y'umukiriya, inyandiko mvunjwafaranga cyangwa indi mitungo y'umukiriya;
- c) gucunga konti zo kubikurizaho, konti zo kuzigama cyangwa z'inyandiko mvunjwafaranga;
- d) kwegeranya imigabane hagamijwe ishingwa, ikora n'icungwa ry'amasosiyete y'ubucuruzi;
- e) gushinga, gukora no gucunga imiryango ifite ubuzimagatozi cyangwa imiryango ishyirwaho hashingiwe ku mategeko kimwe no kugura no kugurisha ibigo by'ubucuruzi.

prepare or conduct for their clients acts relating to the following transactions:

- a) to buy or sell immovable properties;
- b) to manage a client money, negotiable instruments or other client assets;
- c) to manage current, saving or negotiable instruments accounts;
- d) to collect contributions for the creation, operation and management of companies;
- e) to create, operate and manage organisation with legal personality or legal entities and to buy and sell business entities.

leurs clients des actes relatifs aux opérations suivantes:

- a) acheter ou vendre des biens immeubles;
- b) gérer l'argent d'un client, des titres négociables ou d'autres biens d'un client;
- c) gérer les comptes courants, les comptes d'épargne ou des comptes des titres négociables ;
- d) collecter les apports pour la création, l'exploitation et la gestion de sociétés commerciales;
- e) créer, exploiter et gérer des organisations dotées de la personnalité juridique ou des entités juridiques ainsi qu'acheter et vendre des entités commerciales.

Umwirondoro w'umuntu ku giti cye ugenzurwa neza iyo herekanywe icyangombwa kimuranga cyemewe n'amategeko cyangwa hakoreshejwe izindi nyandiko cyangwa andi makuru yizewe. Naho imiryango ifite ubuzimagatozi yerekana icyemezo cy'iyandikwa cyangwa inyandiko iyo ari yo yose yemewe n'urwego rubifitiye ububasha.

The identification of a natural person is correctly verified by the presentation of a valid official identification document or using other reliable source documents or information. Legal persons with legal personality present the registration certificate or any other document recognised by the competent organ.

L'identification d'une personne physique est correctement vérifiée par la présentation d'un document officiel d'identification valide ou autres documents ou information fiables. Les personnes morales dotées de la personnalité juridique présentent le certificat d'immatriculation ou tout autre document reconnu par l'organe compétent.

Umuntu wese ukora mu izina ry'umukiriya agomba kugaragaza ibimenyetso by'uko akora mu izina rye,

Any person known to act on behalf of a customer must present evidence to act on his/her behalf, as

Toute personne réputée agir pour le compte d'un client doit présenter la preuve en vertu de laquelle

hamwe n'icyangombwa kimuranga cyangwa izindi mpapuro z'umwirondoro zemewe.

Mu gihe umukiriya atabashije kuzuza ibisabwa kugira ngo hagenzurwe umwirondoro we, ushinzwe gutanga amakuru ashobora kutamufungurira konti cyangwa kudakorana na we.

Ingingo ya 9: Kugenzura umwirondoro w'umukiriya udahoraho

Mu kugenzura umwirondoro w'umukiriya udahoraho hakurikizwa ibiteganywa n'ingingo ya 8 y'iri tegeko, mu gihe habayeho ibikorwa by'amafaranga angana nibura n'ikigero cyashyizweho n'Ishami.

Uwo mwirondoro usabwa na none iyo habayeho igikorwa icyo ari cyo cyose gifite agaciro k'amafaranga ari muni y'icyo kigero, iyo icyo gikorwa ari kimwe mu bikorwa bifatanye isano cyangwa bisa n'aho bifatanye isano, kandi igiteranyo cya byose gifite agaciro kari muni, kangana cyangwa karenga icyo kigero.

Ingingo ya 10: Kugenzura umwirondoro w'umukiriya ushidikanywaho

Igihe cyose habayeho gushidikanya ko umukiriya akora mu izina rye bwite, ikigo cy'imari kigomba kumenya amakuru ku buryo bwose bushoboka kugira ngo hakorwe umwirondoro nyawo w'umuntu umukiriya akorera.

well as his/her identity card or other official identification document.

When a customer is unable to fulfil the requirements allowing the verification of his/her identification, the reporting person may reject to open an account or refuse any relationship with the customer.

Article 9: Checking of occasional customer's identification

Provisions of Article 8 of this Law apply to identify occasional customers in case of transactions involving an amount equivalent to at least the threshold set by the Centre.

This identification is also requested for any transaction whose amount is less than this threshold if it is part of set of transactions which are or seem to be linked and the total of which is less, equal or exceeds the threshold.

Article 10: Checking of identification of a suspected customer

Whenever there is uncertainty as to whether the customer acts on his/her personal behalf, the financial institution must by all means obtain information in order to establish the exact identification of the stakeholder on behalf of whom the customer acts.

elle agit, ainsi que sa carte d'identité ou autre document officiel d'identification.

Lorsqu'un client est incapable de remplir les conditions requises permettant de vérifier son identification, la personne déclarante peut rejeter l'ouverture d'un compte ou refuser toute relation avec le client.

Article 9: Vérification d'identification d'un client occasionnel

Les dispositions de l'article 8 de la présente loi s'appliquent pour vérifier l'identification des clients occasionnels en cas d'opérations portant sur un montant au moins équivalent au seuil fixé par le Centre.

Cette identification est également exigée pour toute opération dont le montant est inférieur à ce seuil si elle fait partie d'un ensemble d'opérations qui sont ou semblent liées et dont le total est inférieur, égal ou dépasse ce seuil.

Article 10: Vérification d'identification d'un client suspect

Lorsqu'il n'est pas certain qu'un client agit pour son propre compte, l'institution financière doit se renseigner par tout moyen pour établir l'identification exacte de la partie prenante pour le compte de laquelle agit le client.

Nyuma y'igenzura, iyo gushidikanya ku mwirondoro wa nyir'umutungo bikomeje, ikigo cy'imari gikora raporo ku gikorwa gikemangwa kikayishyikiriza Ishami.

Ingingo ya 11: Ibigomba kubahirizwa na kazino n'inzu z'imikino y'amahirwe

Kazino n'inzu z'imikino y'amahirwe bigomba kubahiriza ibi bikurikira:

- 1 ° kugaragariza abayobozi bo mu nzego za Leta babishinze uherye ku munsu basabiyeho gutangiza ibikorwa byabo, inkomoko yemewe y'amafaranga ya ngombwa yo kubatangiza;
- 2 ° kumenya neza umwirondoro w'abakinnyi bagura, bazana, bahindura tike cyangwa ibyemezo by'umukino w'amahirwe ku giciro cy'amafaranga kirenze cyangwa kingana n'ikigero cyashyizweho n'Ishami, herekanwa indangamuntu cyangwa ikindi cyangombwa cyemewe cy'umwimerere kiyisimbura kandi hakabikwa kopi yacyo;
- 3 ° kwandika ibikorwa byose bivugwa mu gace ka 2° k'iki gika ahabugenewe hakurikijwe uko byagiye bikurikirana, uko biteye n'umubare w'amafaranga wabyo, hakerekana amazina yose ya buri mukinnyi na numero y'inyandiko y'umwirondoro yerekanywe;

After verification, if uncertainty persists on the identification of the beneficial owner, the financial institution makes a report on a suspicious transaction and forwards it to the Centre.

Article 11: Obligations of casinos and gaming halls

Casinos and gaming halls must observe the following:

- 1 ° to demonstrate to the relevant public authorities, from the day of the application for the opening their activities, the lawful origin of the funds necessary to start them;
- 2 ° to confirm the identification, upon presentation of a valid identity card or any valid original official document in lieu thereof, and of which a copy is kept, of the players who buy, bring, change chips or game tags for an amount of money superior or equal to a threshold set by the Centre;
- 3 ° to record all transactions mentioned in item 2 of this Paragraph in an appropriate register in a chronological order, depending on their nature and amount, indicating all names of each player, as well as the number of the presented identification document;

Après vérification, si le doute persiste sur l'identification du bénéficiaire effectif, l'institution financière fait un rapport sur une transaction suspecte et le transmet au Centre.

Article 11: Exigences aux casinos et aux établissements de jeux de hasard

Les casinos et les établissements de jeux de hasard doivent observer ce qui suit:

- 1 ° prouver auprès des autorités publiques compétentes, dès la date de demande d'autorisation d'ouverture de leurs activités, de l'origine licite des fonds nécessaires pour les démarrer;
- 2 ° s'assurer de l'identification, par la présentation d'une carte d'identité ou de tout document officiel original en tenant lieu, dont il est pris une copie, des joueurs qui achètent, apportent, échangent des jetons ou des plaques de jeux pour une somme supérieure ou égale au seuil fixé par le Centre;
- 3 ° consigner sur un registre spécial, dans l'ordre chronologique, toutes les opérations visées au point 2° du présent alinéa, en fonction de leur nature et leur montant avec indication des noms et prénoms des joueurs, ainsi que le numéro du document d'identification présenté;

4° kwandika ahabugenewe buri hererekanya ry'amafaranga rikozwe na kazino n'inzu z'imikino y'amahirwe hakurikijwe uko ibyo bikorwa byagiye bikurikirana.

4° record any transfers of funds transacted between casinos and gaming halls in an appropriate register in a chronological order.

4° consigner dans l'ordre chronologique tous les transferts de fonds effectués entre casinos et établissements de jeux de hasard sur un registre spécial.

Igihe kazino cyangwa inzu y'imikino y'amahirwe bigenzurwa n'umuryango ufite ubuzimagatozi ufite amashami menshi, icyemezo cy'umukino w'amahirwe kigaragaza ishami ryagitanze. Uko byagenda kose, ntabwo icyemezo cy'umukino w'amahirwe cyatanzwe n'ishami rimwe gishobora kwishyurwa n'irindi shami, ryaba rikorera mu Rwanda cyangwa mu kindi gihugu.

In case a casino or a gaming hall is controlled by a legal entity that owns several subsidiaries, the gaming chips identify the issuing branch. In no case shall the gaming chips issued by a branch be refunded by another branch, whether operating in Rwanda or in another country.

Dans le cas où le casino ou l'établissement de jeux de hasard est contrôlé par une personne morale dotée d'une personnalité juridique qui possède plusieurs filiales, les jetons de jeux portent l'identification de la filiale d'émission. En aucun cas, des jetons de jeux émis par une filiale ne peuvent être remboursés par une autre filiale, que celle-ci opère soit au Rwanda soit dans un autre pays.

Ingingo ya 12: Gukurikirana ibikorwa bimwe na bimwe ku buryo bwihariye

Article 12: Special monitoring of certain transactions

Article 12: Suivi spécial de certaines opérations

Abashinzwe gutanga amakuru basabwa kubahiriza ibi bikurikirira:

Reporting persons are required to particularly observe the following:

Les personnes déclarantes sont tenues de respecter particulièrement ce qui suit:

1° gukurikiranira hafi ku buryo bwihariye ibikorwa bikomatanyije, bidasanzwe cyangwa bihanitse ku buryo bwihariye, bigaragara ko bitagamije ubukungu cyangwa bidafite intego igaragara yemewe n'amategeko. Bagomba gusuzuma neza amavu n'amavuko n'ikigamijwe n'ibyo bikorwa, bagashyira mu nyandiko ibyo babonye hanyuma bagashyikiriza raporo Ishami;

1° to pay special attention to all complex, unusual patterns of transactions or exceptionally large transactions, which have no apparent economic or visible lawful purpose. They must examine the background and purpose of such transactions, establish the findings in writing and transmit the report to the Centre;

1° porter une attention particulière à toutes les opérations complexes, inhabituelles ou exceptionnellement importantes, ou celles qui n'ont pas de cause apparente économique ou manifestement licite. Elles sont tenues d'examiner le contexte et l'objet de ces opérations, écrire les constatations faites et transmettre le rapport au Centre;

2° gukurikiranira hafi ibikorwa byo mu rwego rw'ubucuruzi abantu bari mu Rwanda bagirana n'abantu baba mu bihugu bigaragara ko, mu rwego rwo kurwanya iyezandonke no

2° to pay special attention to business relationships and transactions between persons in Rwanda with persons residing in countries which do not apply anti-

2° porter une attention particulière aux relations d'affaires et opérations entre les personnes résidant au Rwanda et les personnes résidant dans les pays qui, en

gutera inkunga iterabwoba, bidakurikiza cyangwa bikurikiza mu buryo butuzuye ibiteganywa n'amategeko bisa n'ibiteganyijwe muri iri tegeko.

money laundering and terrorism financing regulations or which apply insufficiently regulations equivalent to those provided for in this Law.

matière de lutte contre le blanchiment de capitaux et de financement du terrorisme, n'appliquent pas ou appliquent insuffisamment des règles équivalentes à celles prévues dans la présente loi.

Ingingo ya 13: Gushishoza mu mikoranire y'ubucuruzi n'umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki

Mu mikoranire y'ubucuruzi n'umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki, abashinzwe gutanga amakuru, uretse gushyira mu bikorwa ingamba z'ubushishozi zisanzwe, basabwa no gukora ibi bikurikira:

1° kugira uburyo buhamye bwo gucungana n'ibyteza ingorane mu rwego rwo kugaragaza niba umukiriya cyangwa nyir'umutungo ari umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki;

2° kubona uruhushya ruturutse ku buyobozi bukuru bw'abashinzwe gutanga amakuru mbere yo gutangira imikoranire y'ubucuruzi n'umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki.

Ishami rigena imyanya y'ubuyobozi ituma abayirimo bafatwa nk'abantu bagaragara mu rwego rwa politiki.

Ingingo ya 14: Kumenyekanisha ibikorwa bijyanye n'amafaranga yishyuwe kashi

Abashinzwe gutanga amakuru bagomba kugaragariza Ishami ibi bikurikira:

Article 13: Due diligence in business relationships with a politically exposed person

In case of business relationships with a politically exposed person, reporting persons, in addition to performing normal due diligence measures, are also required to do the following:

1° have appropriate risk management systems to determine whether the customer or the beneficial owner is a politically exposed person;

2° obtain the authorisation from the senior management of the reporting person before establishing business relationships with such a politically exposed person.

The Centre determines administrative positions the occupants of which are considered as politically exposed persons.

Article 14: Declaration of cash transactions

Reporting persons must indicate to the Centre the following:

Article 13: Vigilance dans les relations d'affaires avec une personne politiquement exposée

En cas de relations d'affaires avec une personne politiquement exposée, à part les mesures normales de vigilance, les personnes déclarantes sont aussi tenues de faire ce qui suit:

1° disposer de systèmes de gestion des risques adéquats afin de déterminer si le client ou le bénéficiaire effectif est une personne politiquement exposée;

2° obtenir l'autorisation de l'autorité des entités déclarantes avant de nouer les relations d'affaires avec une personne politiquement exposée.

Le Centre détermine les positions administratives dont les occupants sont considérés comme des personnes politiquement exposées.

Article 14: Déclaration des opérations réglées au comptant

Les personnes déclarantes doivent signaler au Centre ce qui suit:

1° ibikorwa byose bijyanye n'amafaranga yishyuwe kashi ari mu kigero kigenwa n'Ishami, mu buryo no mu bihe biteganywa n'amabwiriza y'iryo Shami, keretse iyo uyohereza n'uyoherezwa ari amabanki cyangwa ibindi bigo by'imari;

2° igikorwa cyose gifite agaciro k'amafaranga ari muni y'ikigero kigenwa n'Ishami, iyo icyo gikorwa ari kimwe mu bindi bikorwa bifatanye isano cyangwa bisa naho bifatanye isano, kandi igiteranyo cyabyo byose gifite agaciro kari muni, kangana cyangwa karenga icyo kigero.

1° all cash transactions within the threshold set out by the Centre in an appropriate form and time determined by regulations set by the Centre, unless the sender and the recipient are banks or financial institutions;

2° any transaction equivalent to the amount less than the threshold set by the Centre, if such a transaction is part of a whole of transactions which are or seem to be linked and the total is less, equal or exceeds the threshold.

1° toute opération en espèces au seuil fixé par le Centre sous la forme et dans les délais prescrits par les règlements établis par le Centre, sauf si l'expéditeur et le destinataire sont des banques ou autres institutions financières ;

2° toute opération dont le montant est inférieur au seuil fixé par le Centre, si elle fait partie d'un ensemble d'opérations qui sont ou semblent liées et dont le montant total est inférieur, égal ou dépasse ce seuil.

Ingingo ya 15: Kumenyekanisha ibikorwa bijyanye n'amafaranga bikemangwa

Igihe cyose hari impamvu zituma abashinzwe gutanga amakuru cyangwa abandi bantu barebwa n'iri tegeko, bakeka ko amafaranga cyangwa iyimura ryayo bifatanye isano cyangwa bigamije gukoreshwa mu bikorwa by'iyezandonke, byo gutera inkunga iterabwoba cyangwa mu bikorwa by'iterabwoba, bagomba guhita babimenyesha Ishami.

Iyo raporo ku bikemangwa yatanze hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, abatanze amakuru bagomba guhita batanga amakuru y'inyongera babonye ashobora kwemeza cyangwa kuvanaho ibikemangwa.

Article 15: Declaration of suspicious transactions of funds

Whenever the Reporting persons and other persons subject to the provisions of this Law have reasonable motives to suspect that the funds or movement of funds are linked or intended to be used in money laundering activities, for terrorism financing or acts of terrorism organizations, they must report immediately their suspicion to the Centre.

Once the suspicion report is presented in accordance with provisions of Paragraph One of this Article, the reporting persons also convey without delay any additional information confirming or denying suspicion.

Article 15: Déclaration des transactions de fonds soupçonneux

Chaque fois que Les personnes déclarantes et d'autres personnes soumises aux dispositions de la présente loi ont des motifs raisonnables de suspecter que des fonds ou mouvements de fonds sont liés ou destinés à être utilisés dans les opérations de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou des actes terroristes, elles doivent, immédiatement déclarer leurs soupçons au Centre.

Une fois que la déclaration de soupçons a été présentée en application des dispositions de l'alinéa premier du présent article, les personnes déclarantes doivent également communiquer sans délai toute information complémentaire pouvant confirmer ou dissiper les soupçons.

Ishami rigena uburyo raporo ku bikorwa bijyanye n'amafaranga bikemangwa zitangwamo.

The Centre determines modalities for submission of how the report on suspicious money transactions is submitted.

Le Centre détermine les modalités de soumission d'une déclaration sur les transactions monétaires suspectes.

Ingingo ya 16: Kumenyekanisha amafaranga ku mupaka

Article 16: Cash declaration at the border

Article 16: Déclaration d'espèces à la frontière

Umuntu wese usohotse cyangwa winjiye mu Rwanda atwaye amafaranga cyangwa impapuro mvunjwafaranga birenze ikigero cyashyizweho n'Ishami agomba kubimenyekanisha.

Any person who leaves or enters Rwanda transporting cash or negotiable instruments of an amount above that of the threshold set by the Centre must declare them.

Toute personne qui quitte ou entre au Rwanda transportant des espèces ou des effets négociables d'un montant supérieur au seuil fixé par le Centre doit les déclarer.

Ingingo ya 17: Kugira ibanga

Article 17: Confidentiality

Article 17: Confidentialité

Abashinzwe gutanga amakuru bayatanga mu ibanga. Ntibashobora na rimwe guhishurira abakiriya babo cyangwa abandi bantu ko hari amakuru yahawe Ishami cyangwa ko hari raporo ijyanye n'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba yatanzwe.

Reporting persons submit their reports in secret way. They cannot reveal to their customers or third parties that information has been communicated to the Centre or that a report related to money laundering or terrorism financing has been submitted.

Les personnes déclarantes donnent les renseignements en secret. Elles ne peuvent en aucun cas signaler à leurs clients ou à des tiers que des informations ont été communiquées au Centre ou qu'une déclaration relative au blanchiment de capitaux ou au financement du terrorisme a été transmise.

Ingingo ya 18: Kubika inyandiko

Article 18: Record-keeping

Article 18: Conservation des documents

Abashinzwe gutanga amakuru babika inyandiko ku buryo bukurikira:

Reporting persons keep records as follows:

Les personnes déclarantes conservent les documents comme suit:

1° inyandiko zirimo amakuru ajyanye n'imyirondoro bamenye mu gihe cy'igenzura ry'abakiriya, zibikwa nibura mu gihe cy'imyaka icumi (10) nyuma y'uko imikoranire n'umukiriya mu rwego rw'ubucuruzi irangiye. Iyo ari umukiriya udahoraho, icyo gihe cy'imyaka icumi (10)

1° records on the identification data obtained through the customer due diligence process are kept for a period of at least ten (10) years after the end of the business relationships. In the case of an occasional customer, the ten (10) year period starts from the conclusion of the transaction;

1° les données d'identification obtenues dans le cadre de l'exercice du devoir de diligence sont conservées pendant au moins dix (10) ans après l'expiration des relations d'affaires. Dans le cas d'un client occasionnel, cette période de dix (10) ans est calculée dès l'achèvement de l'opération;

kibarwa uherye igihe igikorwa bakoranye cyarangirye;

2° inyandiko zose za ngombwa z'ibikorwa byaba ibyo mu gihugu cyangwa mu rwego mpuzamahanga zibikwa nibura mu gihe kingana n'imyaka icumi (10).	2° all necessary records on transactions at the national or international level are kept for a period of at least ten (10) years.	2° toutes les pièces nécessaires se rapportant aux opérations, tant nationales qu'internationales sont conservées pendant au moins dix (10) ans.
3° ibitabo by'amakonti n'amabaruwa y'ubucuru bibikwa nibura mu gihe kingana n'imyaka icumi (10) nyuma y'uko imikoranire n'umukiriya irangiye;	3° accounts books and business correspondences are kept for a period of at least ten (10) years after the end of the relationships with the client;	3° les livres de comptes et les correspondances commerciales sont conservées pendant au moins dix (10) ans après l'expiration des relations avec le client;
4° inyandiko zivugwa mu gace ka 3° n'aka 4° tw'ingingo ya 11 y'iri tegeko zibikwa nibura mu gihe cy'imyaka icumi (10) uherye igihe igikorwa cyangwa ihererekanya rya nyuma ry'amafaranga rikozwe na kazino n'inzu z'imikino y'amahirwe byandikiwe.	4° documents mentioned in items 3° and 4° of Article 11 of this Law are kept for a period of at least ten (10) years since the record of the last transaction or transfer of funds carried out by a casino and a gaming hall.	4° les documents visés aux points 3° et 4° de l'article 11 de la présente loi sont conservés pendant au moins dix (10) ans à compter de l'enregistrement de la dernière transaction ou transfert de fonds effectué par un casino et un établissement de jeux.
Amakuru ajyanye n'imyirondoro n'inyandiko z'ibikorwa bigomba guhitwa bihabwa ubuyobozi bubifitiye ububasha iyo bubisabye.	Identification data and transaction records are immediately given to the competent authorities that request them.	Les données d'identification et les pièces se rapportant aux opérations, sont immédiatement mises à la disposition des autorités compétentes qui en font la demande.
<u>Ingingo ya 19: Uruhare rw'urwego rugenzura imikorere y'ushinzwe gutanga amakuru</u>	<u>Article 19: Role of the supervisory authority of reporting person</u>	<u>Article 19: Rôle de l'autorité de supervision de la personne déclarante</u>
Urwego rugenzura imikorere y'ushinzwe gutanga amakuru rugomba:	The authority supervising the functioning of reporting person must:	L'autorité qui contrôle le fonctionnement de la personne déclarante doit:
1° kugenzura niba ushinze gutanga amakuru yubahiriza ibikubiye muri iri tegeko;	1° monitor the compliance with this Law by a reporting person;	1° contrôler le respect de la présente loi par la personne déclarante;

2° gushyiraho ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi k'ushinzwe gutanga amakuru cyangwa undi muntu wese utuzuzwa inshingano ze ziteganywa n'iri tegeko;

3° gushyiraho amabwiriza n'ingamba zigomba kubahirizwa n'ushinzwe gutanga amakuru.

2° establish administrative sanctions for any reporting person or any other person who does not fulfil his/her responsibilities as provided by this Law;

3° establish regulations and measures to be respected by the reporting persons.

2° mettre en place des sanctions administratives pour toute personne déclarante ou toute autre personne qui ne remplit pas ses attributions telles que prévues par la présente loi;

3° mettre en place des instructions et des mesures devant être respectées par les personnes déclarantes.

Ingingo ya 20: Gusonerwa uburyozwe

Nta buryozwacyaha cyangwa uburyozwe bw'indishyi n'ubwo mu rwego rw'akazi bubaho:

1° ku bayobozi n'abakozi b'abashinzwe gutanga amakuru, mu gihe batanze amakuru cyangwa raporo ziteganywa n'iri tegeko, batagambiriye gukora nabi, n'ubwo iperereza cyangwa icyemezo cy'urukiko ntawe byaba byagaragaje ukwiye kuryozwa icyaha;

2° ku bayobozi n'abakozi b'abashinzwe gutanga amakuru bitewe n'iyangirika ry'ibintu bifatika cyangwa bidafatika biturutse ku guhagarika ibikorwa.

Article 20: Exemption of liability

No proceedings of penal, civil or professional liability can be brought against:

1° the executive officers and employees of reporting persons, without any bad faith, they have transmitted information or submitted the reports provided for in this Law, even if the investigations or the court orders did not result in any conviction;

2° the executive officers and employees of the reporting persons due to material or non-material damages resulting from the freezing of a transaction.

Article 20: Exonération de la responsabilité

Aucune action en responsabilité pénale, civile ou professionnelle ne peut être intentée contre:

1° les dirigeants et préposés des personnes déclarantes, lorsque de bonne foi, ils ont transmis les informations ou fait les déclarations prévues par la présente loi, même si les enquêtes ou les décisions judiciaires n'ont donné lieu à aucune condamnation;

2° les dirigeants et préposés des personnes déclarantes du fait des dommages matériels ou immatériels qui pourraient résulter du gel d'une opération.

Icyiciro cya 2: Gukorera mu mucyo imirimo ijyanye n'imari

Ingingo ya 21: Guhererekanya amafaranga

Ihererekanya ry'amafaranga ryose cyangwa inyandiko mvunjwafaranga bijya cyangwa biva mu

Section 3: Transparency in financial transactions

Article 21: Money transfer

Any transfer of money or negotiable instruments destined for or coming from a foreign country, of

Section 3: Transparence dans les opérations financières

Article 21: Transfert de fonds

Tout transfert de fonds ou de titre, à destination ou en provenance d'un pays étranger, d'un montant

mahanga bigeze ku mubare w'amafaranga ungana nibura n'ikigero cyashyizweho n'Ishami, rikorwa binyujijwe ku bigo by'imari byemerewe guhererekanya amafaranga cyangwa ababihagarariye.

Ibigo by'imari byemerewe guhererekanya amafaranga cyangwa ababihagarariye bagaragaza, mu ihererekanya ry'amafaranga rikoresha uburyo bw'ikorabuhanga cyangwa ubundi buryo, amakuru nyayo yerekeye uwasabye gukorerwa uwo murimo ndetse n'andi makuru afitanye isano na yo. Ayo makuru aherekaza inzira y'iherekanya ry'amafaranga kugeza habaye iyishyurwa.

Ingingo ya 22: Guca banki za baringa na konti zitagira amazina n'izindi ngamba zikumira

Mu rwego rwo guca banki za baringa na konti zitagira amazina, ingamba zo gukumira zikurikira zigomba kubahirizwa:

- 1° ibigo by'imari bigomba kuba bigaragara kugira ngo byemererwe gukorera ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda;
- 2° ibigo by'imari ntibigomba kugirana imikoranire y'ubucuruzi n'amabanki yanditse ahantu kandi atahagaragara;
- 3° ibigo by'imari ntibigomba gufungura cyangwa kugira konti zitagira amazina ya ba nyirazo,

an amount at least equal to a threshold set by the Centre, is performed by the intermediary of financial institutions authorised to transfer money or their agents.

Financial institutions authorised to transfer money or their agents include accurate payer's information in money transfer, in electronic or other form, along with any other related information. This information goes along with the transfer throughout the payment chain.

Article 22: Prohibition of shell banks and anonymous accounts and other preventive measures

To prohibit the shell banks and anonymous accounts, the following preventive measures should be observed:

- 1° financial institutions must be physically present in order to be authorized to operate on the territory of the Republic of Rwanda;
- 2° financial institutions must not establish business relationships with banks registered in places where they are not physically present;
- 3° financial institutions must not open or maintain anonymous or digitised accounts,

au moins égal à un seuil fixé par le Centre est effectué par l'intermédiaire des institutions financières autorisées pour le transfert d'argent ou leurs agents.

Les institutions financières autorisées pour le transfert d'argent ou leurs agents indiquent, dans le transfert de fonds, sous forme électronique ou autre, des renseignements exacts sur le donneur d'ordre ainsi que toute autre information connexe. Ces renseignements accompagnent la chaîne du transfert d'argent jusqu'au paiement.

Article 22: Interdiction des banques fictives et des comptes anonymes et autres mesures de prévention

Pour interdire les banques fictives et les comptes anonymes, les mesures de prévention suivantes doivent être observées:

- 1° les institutions financières doivent être physiquement présentes pour être agréées à mener leurs activités sur le territoire de la République du Rwanda;
- 2° les institutions financières ne doivent pas entretenir des relations d'affaires avec les banques immatriculées dans des lieux où elles ne sont pas physiquement présentes;
- 3° les institutions financières ne doivent pas ouvrir ni tenir des comptes anonymes ou

konti zigizwe n'imibare gusa, cyangwa konti z'amazina atagaragara cyangwa atari yo;	nor accounts with invisible or with incorrect names;	numérisés ni des comptes avec des noms invisibles ou incorrects;
4° ibigo by'imari bigomba gusuzuma niba ibigo by'imari bikorana na byo byubahiriza ingamba zo kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;	4° financial institutions must ensure that their respondent financial institutions comply with anti-money laundering and terrorism financing measures;	4° les institutions financières doivent veiller à ce que leurs institutions clientes se conforment aux mesures de lutte contre le blanchiment d'argent et le financement du terrorisme;
5° ibigo by'imari bigomba gusuzuma ko konti ziri mu bigo by'imari bikorana na byo zidakoresheka na banki za baringa.	5° financial institutions must ensure that accounts opened in respondent financial institutions are not used by fictive banks.	5° les institutions financières doivent veiller à ce que les comptes se trouvant dans les institutions financières clientes ne sont pas utilisées par les banques fictives.

UMUTWE WA III: IBYAHA N'IBIHANO

CHAPTER III: OFFENCES AND PENALTIES

CHAPITRE III: INFRACTIONS ET PEINES

Ingingo ya 23: icyaha cy'iyezandonke

Umuntu wese cyangwa ikitso cye ukoze ibikorwa by'iyezandonke aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu yikubye inshuro kuva kuri eshatu (3) kugeza kuri eshanu (5) z'umubare w'amafaranga y'iyezandonke.

Umuntu wese ukora igikorwa kigamije gufasha undi muntu kubona umugabane ku mutungo wakoreweho iyezandonke w'umuntu ukora iterabwoba cyangwa ushobora gukora iterabwoba, hakoreshejwe guhisha umutungo, kuwimura uwuvana ahantu hamwe uwujyana ahandi, kuwimurira ku bandi bantu

Article 23: Money laundering crime

Any person or his/her accomplice who carries out money laundering transactions, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years but not more than ten (10) years and a fine of three (3) to five (5) times the amount of money laundered.

Any person who facilitates another person to benefit from laundered property of a terrorist or of someone who may be a terrorist, by concealing, shifting from one place to another, transferring to other people the property or by any other way related to that which is referred to in this Article ,

Article 23: Crime de blanchiment de capitaux

Toute personne ou son complice qui effectue les transactions de blanchiment de capitaux, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende de trois (3) à cinq (5) fois le montant d'argent blanchi.

Toute personne qui facilite autrui à avoir une part sur les biens blanchis d'un terroriste ou d'une personne soupçonnée de terroriste, en recourant à la dissimulation, au transfert de ce bien d'une place à une autre ou d'une personne à une autre ou en usant de tout autre moyen connexe à celui visé

cyangwa mu bundi buryo bwose bufitanye isano n'ubwavuzwe muri iyi ngingo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

Mu gukurikirana icyaha cy'iyezandonke, si ngombwa ko uregwa abanza guhamwa n'icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye.

Ingingo ya 24: Gutera inkunga iterabwoba

Umuntu wese utera inkunga iterabwoba aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshatu (3) kugeza kuri eshanu (5) z'umubare w'amafaranga y'inkunga ye.

Ni na byo bihano bihabwa umuntu ukora cyangwa ufite inyungu mu masezerano agamije gutuma haboneka amafaranga, undi mutungo cyangwa se gutuma hari undi ubona amafaranga cyangwa inkunga, kandi azi cyangwa afite impamvu zikomeye zituma akeka ko bishobora gukoreshwa mu bikorwa by'iterabwoba.

Mu gukurikirana icyaha cyo gutera inkunga iterabwoba, si ngombwa ko uregwa abanza guhamwa n'icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye.

commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and but not more than fifteen (15) years.

When prosecuting the offence of money laundering, it is not required that the suspect be first convicted of felony or misdemeanour.

Article 24: Terrorism financing

Any person who finances terrorism commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years but not more than ten (10) years and a fine of three (3) to five (5) times the amount of money given.

The same penalties apply to a person who knowingly makes an agreement or has interest in it in order to acquire funds or any other assets, or enables another person to acquire money or support, knowing or having reasonable grounds to believe that they can be used for terrorist purpose.

When prosecuting the offence of terrorism financing, it is not required that the suspect be previously convicted of felony or misdemeanour.

au présent article, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

Lors de la poursuite de l'infraction de blanchiment de capitaux, il n'est pas nécessaire que le suspect soit préalablement reconnu coupable d'un crime ou d'un délit.

Article 24: Financement du terrorisme

Toute personne qui finance le terrorisme commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende de trois (3) à cinq (5) fois le montant d'argent donné.

Les mêmes peines s'appliquent à la personne qui contracte ou bénéficie du contrat ayant pour objet l'obtention de fonds ou d'autres biens ou leur transfert à un tiers, alors qu'elle sait ou a des raisons fondées de croire qu'ils vont servir à des fins terroristes.

Lors de la poursuite de l'infraction de financement du terrorisme, il n'est pas nécessaire que le suspect soit préalablement reconnu coupable de crime ou délit.

Ingingo ya 25: Kugira uruhare mu ishyirahamwe rigamije gukora ibikorwa by'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba

Umuntu wese ugira uruhare mu ishyirahamwe rigamije gukora kimwe mu bikorwa by'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshanu (5) kugeza ku icumi (10) z'umubare w'amafaranga y'iyezandonke cyangwa y'inkunga yatanze.

Ingingo ya 26: Ibihano biteganyirijwe umuryango ufite ubuzimagatozi

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, umuryango ufite ubuzimagatozi ukoze ibikorwa by'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba ukoresheje abawuhagarariye cyangwa abanyamuryango, uba ukoze icyaha. Iyo ubihamijwe n'urukiko uhanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda angana n'inshuro kuva ku icumi (10) kugeza kuri makumyabiri (20) z'agaciro k'amafaranga y'iyezandonke cyangwa y'inkunga yabyo, bitabujije ko ababihagarariye na bo bahanwa nk'ibitso.

Icyemezo cy'urukiko gitanga igihano gitangazwa mu binyamakuru no mu bundi buryo bwose bukoreshwa mu itangazamakuru.

Article 25: Participation in an association with intent to commit acts of money laundering or terrorism financing

Any person who is involved in an association with intent to commit any of the acts of money laundering or terrorism financing, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of less than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine of five (5) to ten (10) times the value of the amount of money given or laundered.

Article 26: Penalties for a legal entity

Without prejudice to provisions of other laws, a legal entity that conducts money laundering or terrorism financing acts through their representatives or members, commits an offence. Upon conviction, it is liable to a fine of ten (10) to twenty (20) times the amount of money laundered or given, without prejudice to the liability for complicity of its representatives.

The court's decision is published in newspapers and through any other means used by the media.

Article 25: Participation dans une association visant à commettre les actes de blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme

Toute personne qui est impliquée dans une association visant à commettre l'un des actes de blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende de cinq (5) à dix (10) fois le montant d'argent blanchi ou donné.

Article 26: Peines applicables à une personne morale

Sans préjudice des dispositions d'autres lois, une personne morale qui effectue des actes de blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme, par l'intermédiaire de ses représentants ou de ses membres, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une amende de dix (10) à vingt (20) fois le montant d'argent blanchi ou donné, sans préjudice de la condamnation de ses représentants comme complices.

La décision judiciaire de condamnation est publiée dans la presse écrite et par toute autre voie utilisée par les médias.

Umuryango ufite ubuzimagatozi wahamijwe ibyaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ugomba guhita useswa.

Ingingo ya 27: Impamvu nkomezacyaha

Ibihano bivugwa mu ngingo ya 23 n'ya 24 byikuba kabiri iyo:

1 ° icyaha cy'ibanze gihanishwa igifungo kiruta ikivugwa mu ngingo ya 23 n'ya 24;

2 ° icyaha gikozwe nk'umwuga;

3 ° icyaha gikozwe mu rwego rw'ubufatanyacyaha bwateguwe;

4 ° habaye isubiracyaha.

Ingingo ya 28: Impamvu nyoroshyacyaha

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, ibihano biteganyijwe mu ngingo ya 23 n'ya 24 z'iri tegeko bishobora kugabanywa, iyo uwakoze icyaha atanze amakuru atashoboraga kuboneka ku bundi buryo afasha gukumira cyangwa kugabanya ingaruka z'icyaha, kumenya cyangwa gushyikiriza ubutabera abakoze icyaha, kubona ibimenyetso cyangwa kuburizamo ikorwa ry'ibindi byaha biteganyijwe mu ngingo ya 23 n'ya 24 z'iri tegeko.

A legal entity convicted of acts mentioned in Paragraph One of this Article must immediately be dissolved.

Article 27: Aggravating circumstances

Penalties mentioned in Articles 23 and 24 are doubled:

1 ° if the principal offence is punishable by a term of imprisonment higher than the one in Articles 23 and 24;

2 ° if the offence is committed as an occupation;

3 ° if the offence is committed within the framework of an organised criminal conspiracy;

4 ° in case of recidivism.

Article 28: Mitigating circumstances

Without prejudice to the provisions of other laws, the penalties provided for in Articles 23 and 24 of this Law may be reduced when the author of the offence has provided information which would have not obtained otherwise, which helps to prevent or limit the effects of the offence, identify or take legal action against offenders, find evidence or prevent the commission of other offences provided for in Articles 23 and 24 of this Law.

Une personne morale reconnue coupable des actes visés à l'alinéa premier du présent article doit être immédiatement dissoute.

Article 27: Circonstances aggravantes

Les peines visées aux articles 23 et 24 sont portées au double:

1 ° quand l'infraction d'origine est punissable d'un emprisonnement d'une durée supérieure à celle prévue aux articles 23 et 24;

2 ° lorsque l'infraction est perpétrée comme profession;

3 ° lorsque l'infraction est perpétrée dans le cadre d'une entente criminelle organisée;

4 ° en cas de récidive.

Article 28: Circonstances atténuantes

Sans préjudice des dispositions d'autres lois, les peines prévues aux articles 23 et 24 de la présente loi peuvent être réduites lorsque l'auteur de l'infraction a fourni les informations qui n'aurait pas été obtenues autrement, les aidant à prévenir ou à limiter les effets de l'infraction, à identifier ou à traduire en justice les auteurs de l'infraction, à trouver des preuves ou à empêcher que d'autres infractions prévues aux articles 23 et 24 de la présente loi ne soient commises.

Ingingo ya 29: Ibihano ku bindi byaha bifitanye isano n'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba

Umuntu, mu rwego rw'imirimo akora yo kuyobora, kugenzura cyangwa gutanga inama ku byerekeranye no kubitsa, kuvunja, gushora imari, cyangwa ubundi buryo bwose bwo kwimura amafaranga cyangwa indi mitungo:

- 1 ° umenera ibanga abandi bantu ku byerekeye ibikorwa bikemangwa byagaragarijwe Ishami mu rwego rw'imirimo ye;
- 2 ° wangiza cyangwa urigisa abizi inyangiriki zibitswe;
- 3 ° ukora cyangwa ugerageza gukora ibikorwa bisabirwa umwirondoro akoresheje umwirondoro utari wo;
- 4 ° umenyeshwa iby'ubutasi ku iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba ku bw'umurimo akora agakoresha uburyo bwose bwo kuburira abantu bakorwaho ubutasi;
- 5 ° utangariza ubutabera cyangwa abandi bakozi ba Leta babifitiye ububasha inyangiriki azi ko zituzuye cyangwa azi ko zirimo amakosa;

Article 29: Penalties for other offences related to money laundering or terrorism financing

A person who, in the exercise of his/her duties of managing, supervising or providing advice on deposit, currency exchange, investment or using any other means of transfer of funds or any other property:

- 1 ° reveals to third parties, the suspicious transactions report made to the Centre, in the context of the execution of his/her activities;
- 2 ° knowingly destroys or makes disappear records or documents filed;
- 3 ° performs or attempts to perform under a false identification, the transactions for which the declaration of identification is prescribed;
- 4 ° having been informed because of his/her office or profession, of an intelligence for money laundering or terrorism financing, informs, by all means, the persons subject to the intelligence;
- 5 ° communicates to judicial authorities or to the competent civil servants, documents that he/she knows are truncated or erroneous;

Article 29: Peines pour d'autres infractions relatives au blanchiment de capitaux ou financement du terrorisme

Une personne qui, dans l'exercice de ses fonctions de dirigeant, de superviseur, de conseiller en matière de dépôt, de conversion de monnaie, d'investissement ou d'utilisation de tout autre moyen de transfert de fonds ou de tout autre bien:

- 1 ° révèle aux tiers les déclarations d'opérations suspectes faites au Centre, dans le cadre de l'exécution de ses activités;
- 2 ° sciemment détruit ou soustrait des registres ou documents conservés;
- 3 ° réalise ou tente de réaliser, sous une fausse identification, les opérations pour lesquelles la déclaration de l'identification est prescrite;
- 4 ° ayant eu connaissance en raison de ses fonctions ou sa profession, des renseignements pour des faits de blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme, en informe, par tous moyens, les personnes visées par les renseignements;
- 5 ° communique aux autorités judiciaires ou aux fonctionnaires compétents, des documents qu'elle sait tronqués ou erronés;

Official Gazette n° 37 of 10/09/2018

6 ° urenga ku mategeko ajyanye n'ibanga ry'amakuru yakusanyijwe, abuza kuyahishurira undi keretse mu bihe biteganywa n'iri tegeko;	6 ° disregards the rules related to the secrecy of information collected, to the prohibition to reveal them or communicate them except in the cases provided for in this Law;	6 ° viole les règles relatives au secret des informations recueillies, à l'interdiction de les divulguer ou les communiquer hors les cas prévus par la présente loi;
7 ° udatanga raporo z'ibikorwa bikemangwa kandi imiterere y'ibyo bikorwa yatumye hakekwa ko amafaranga yaba yaraturutse kuri kimwe mu byaha bifitanye isano n'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;	7 ° does not submit the suspicious transactions report, despite the fact that the circumstances of the transactions lead to deduce that the funds could come from one of the offences related to money laundering and to terrorism financing;	7 ° ne fait pas la déclaration de transactions suspectes alors que les circonstances de l'opération amenaient à déduire que les fonds auraient pu provenir d'une des infractions liées au blanchiment de capitaux et au financement du terrorisme;
8 ° wishyura cyangwa wemera kwishyurwa kashi umubare w'amafaranga uri hejuru y'ikigero cyashyizweho n'Ishami;	8 ° makes or accepts payments in cash for the amount of money which is higher than the threshold set by the Centre;	8 ° effectue ou accepte des règlements en espèces pour un montant supérieur au seuil fixé par le Centre;
9 ° wica amategeko ajyanye n'iherekanya ry'amafaranga mu rwego mpuzamahanga,	9 ° violates the rules related to the international transfer of funds,	9 ° contrevient aux règles relatives aux transferts internationaux de fonds,
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshatu	A person convicted of one of the acts mentioned in Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years but not more than three (3) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000)	Une personne reconnue coupable par une juridiction de l'un des actes mentionnés au premier alinéa du présent article est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au
(3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).	but not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).	moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Ingingo ya 30: Ubunyagwe

Igihe uregwa yahamwe n'icyaha giteganywa n'iri tegeko, urukiko rutegeka ko habaho ubunyagwe bw'imitungo ikurikira:

1 ° umutungo ukomoka ku cyaha harimo ibyabyawe n'uwo mutungo n'izindi nyungu zose zawukomotseho hatitawe ku muntu uwutunze keretse nyir'umutungo agaragaje ko yawubonye mu buryo nyabwo;

2 ° umutungo ufitwe mu buryo buziguye cyangwa butaziguye n'uwahamwe n'icyaha, keretse agaragaje inkomoko yawo yemewe n'uburenganzira awufiteho.

Icyemezo cy'ubunyagwe kigaragaza uwo mutungo n'ibisobanuro bya ngombwa by'uko uteye n'aho uri.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 31: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 32: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko n° 47/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rikumira kandi rihana iyezandonke no gutera inkunga

Article 30: Confiscation

In case of a conviction for offence provided for in this Law, the court orders the confiscation of the following assets:

1 ° property emanating from the offence, including revenues and other advantages which were drawn from it, whoever the owner may be, unless their beneficial owner establishes that he/she acquired them in good faith;

2 ° property belonging, directly or indirectly, to a person convicted, unless he/she establishes its licit origin and his/her property right.

The decision of confiscation indicates the concerned assets and the details necessary for their identification and location.

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

Article 31: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

Article 32: Repealing provision

Law n° 47/2008 of 09/09/2008 on prevention and penalizing the crime of money laundering and

Article 30: Confiscation

En cas de condamnation pour une infraction prévue par la présente loi, la juridiction ordonne la confiscation des biens suivants:

1 ° les biens émanant de l'infraction, y compris les revenus et autres avantages qui en ont été tirés, à quelque personne qu'ils appartiennent, à moins que leur bénéficiaire effectif n'établisse qu'il les a acquis de bonne foi;

2 ° les biens appartenant, directement ou indirectement, à une personne condamnée, à moins qu'elle établisse l'origine licite ainsi que son droit de propriété.

La décision de la confiscation désigne les biens concernés et donne les précisions nécessaires pour leur identification et localisation.

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Article 31: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

Article 32: Disposition abrogatoire

La Loi n° 47/2008 du 09/09/2008 relative à la prévention et à la répression du blanchiment de

Official Gazette n° 37 of 10/09/2018

iterabwoba n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 33: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 31/08/2018

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr. NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

financing terrorism and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

Article 33: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 31/08/2018

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr. NGIRENTE Edouard
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

capitaux et du financement du terrorisme ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 33: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 31/08/2018

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux